

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

Itangazo N° 11.07.022/1581/19-20/AUCTION/EUCL/MD/AZM/025

Uburyo bwo kugurisha (Auction Method): Ipigana rinyuze mu mabahasha afunze (Bidding through sealed envelopes)

Sosiyete itunganya ikanatanga serivisi z'ingufu z'amashyanyarazi "EUCL" yishimiye kumenyesha abantu bose n'Amasosiye babyifusa kandi babifitiye ubushobozi ko ibafitiye Imodoka (Car) imwe (1) ndetse n'amapikipiki (Motocycles) abiri (2) bigurishwa.

Lot 1

IMODOKA				
No	PLATE NUMBER	TYPE	CHASSIS NUMBER	
01	GR086D	MERCEDES BENZ UNIMOG	WDB437120W201513	

Lot 2

AMAPIKIPIKI				
No	Plate number	Bland	TYPE	Chassis Number
1	RD 933 C	Yamaha	AG 100	3HA-148122
2	RD 932 C	Yamaha	AG 100	3HA-148141

Hateganyijwe kandi gusura (site visit) ku bantu cg Amasosiye bifuza kugura iyo modoka n'amapikipiki bizagurishwa muri iki cyamunara cyavuzwe haruguru.

Gusura (site visit) bizajya bibera kuri Substation ya NDERA hafi ya AZAM, mu masaha y'akazi (**Guhera saa tatu za mu gitondo (9h00) kugeza saa kumi n'imwe (17h00)**).

Amabahasha afunze akubiyemo ibiciro ndetse n'Ingwate ya Sheki izigamiye (certified check) ingana na 20% y'ikiguzi cy'ikinyabiziga bigomba kugezwa muri serivise ishinzwe itangwa ry'amasoko ku cyicaro gikuru cya EUCL (ahahoze ari EWSA Ltd), Etage ya mbere umuryango G114 bitarenze tariki ya **24/07/2020** saa yine z'amanywa (10:00 am). Ayo mabahasha azafungurwa mu ruhame uwo munsi saa yine na cumi n'itanu (10:15 am).

Amabahasha azaza akererewe ntazakirwa. **Andi mabwiriza agenga iri piganwa mwayasanga ku cyicaro gikuru cya EUCL mu bunyamabanga bwa service ishinzwe imitangire y'amasoko (igihe cyose mu masaha y'akazi).** EUCL ifite uburenganzira bwose bwo kwanga inyandiko zose z'ipiganwa igihe zigaragaramo ibiciro biri munsi y'ibiciro fatizo cyangwa mu gihe zitujuje ibisabwa.

Icyitonderwa: Upiganwa wese ategetswé gusoma amabwiriza y'ipiganwa aboneka ku cyicaro gikuru cya EUCL mu bunyamabanga bwa service ishinzwe imitangire y'amasoko (igihe cyose mu masaha y'akazi) mbere yo gutegura no gutanga ibiciro. Uzatanga ibiciro wese azaba agengwa n'ayo mabwiriza kugeza cyamunara irangiyé.

Bikorewe i Kigali ku wa 07 /07/2020

Eric BUGINGO
Umuyobozi ushinzwe itangwa ry'amasoko

Armand ZINGIRO
Umuyobozi Mukuru w'agateganyo

AMABWIRIZA AGENGA ICYAMUNARA

ICYAMUNARA No.: N° 11.07.022/1581/19-20/AUCTION/EUCL/MD/AZM/025

UBURYO BWO KUGURISHA (AUCTION METHOD): Ipiganwa binyuze mu mabahasha afunze. Upiganwa asabwe gukurikiza ibi bikurikira:

- Inyandiko y'ipiganwa igomba kuba iherekejwe na sheke izigamiwe (certified check) ingana na 20% by'igiciro yatanze ku kinyabiziga;
- Upiganwa uzazana sheke itazigamiwe, ifite izindi nenge cyangwa ikindi kitariho ntizahabwa agaciro;
- Uwatsindindiye ikinyabiziga asabwa kwishyura amafaranga asigaye mu gihe kitarenze iminsi irindwi ibarwa uhereye ku munsi amenyesherejweho ko yatsinze. Iyo uwatsinze arengeje icyo gihe atakaza uburenganzira kuri iki kinyabiziga kandi ntasubizwa garanti yatanze;
- Abandi bitabiriye iri piganwa batabashije gutsinda basubizwa sheke zabo nyuma y'uko uwatsinze yishyuye ikiguzi cyose;
- Iherekanya mutungo rikorwa iyo uwatsinze amaze kwishyura ikiguzi cyose;
- Inyandiko imenyesha uwatsinze (Notification of award) niyo yemeza ihererekanya mutungo;
- Uwatsinze amenyeshwa compte yishuraho amafaranga yose (100%) mu rwandiko rumumenyesha ko yatsinze;
- Uguze asabwe guhita atwara ikinyabiziga akimara kwishyura ikiguzi cyose;
- Umutungo ugurwa uko uri kandi bifatwa ko ugura aba yabonye kandi azi neza imiterere yawo mbere yo kuwugura;
- EUCL ntacyo iryozwa ku mutungo nyuma y'igurishwa ryawo;
- Ku bindi bitavuzwe muri aya mabwiriza hazakurikizwa ibikubiye mu itegeko N° 50/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena uburyo Leta yivanaho umutungo wayo bwite ndetse n'iteka rya Ministri rigena imiterere n' imikorere y'utunama dushinzwe kugena agaciro k'umutungo bwite wa Leta ugurishwa, uguranwa, utangirwa ubuntu cyangwa uvanwaho.

Bikorewe i Kigali kuwa 07 /07 /2020

Eric BUGINGO
Umuyobozi ushinzwe itangwa ry'amasoko

Armand ZINGIRO
Umuyobozi Mukuru w'agateganyo